1 KAMENA 2013

UMUNARA W'UMURINZI

UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA

ISI ITARANGWAMO URWIKEKWE

IZABAHO RYARI?

UMUNARA W'UMURINZI®
UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA

Vol. 134, No. 11 | Semimonthly
JUNE 1, 2013 | KINYARWANDA

INTEGO Y'IYI GAZETI y'*Umunara w'Umurinzi,* ni iyo gusingiza Yehova Imana, we Mutegetsi w'Ikirenga w'ijuru n'isi. Ihumuriza abantu ibagezaho ubutumwa bwiza buvuga ko vuba aha Ubwami bw'Imana, ari bwo butegetsi nyakuri bwo mu ijuru, buzavanaho ibibi byose kandi bugahindura isi paradizo. Itera abantu inkunga yo kwizera Yesu Kristo wadupfiriye kugira ngo tuzabone ubuzima bw'iteka. Muri iki gihe Yesu Kristo arategeka, akaba ari Umwami w'Ubwami bw'Imana. Iyi gazeti yatangiye kwandikwa mu mwaka wa 1879, kandi ntiyivanga muri politiki. Ishingiye kuri Bibiliya kandi igendera ku buyobozi bwayo.

Ese wifuza guhabwa ibindi bisobanuro cyangwa kwiga Bibiliya ku buntu?

Jya kuri www.jw.org/rw cyangwa utwandikire ukoresheje aderesi ikurikira:

Mu RWANDA:
O.R.T.J.
B.P 529 KIGALI

Niba wifuza urutonde rwuzuye rwa za aderesi, jya kuri www.jw.org/contact.

Iyi gazeti ntigomba kugurishwa. Kuyandika biri mu bigize umurimo wo kwigisha Bibiliya ku isi hose, kandi ushyigikiwe n'impano zitangwa ku bushake. Uretse aho byagaragajwe ukundi, imirongo yose yakuwe muri Bibiliya ikoresha ururimi ruhuje n'igihe tugezemo yitwa *Bibiliya—Ubuhinduzi bw'isi nshya.*

The Watchtower (ISSN 0043-1087) is published semimonthly by Watchtower Bible and Tract Society of New York, Inc.; L. Weaver, Jr., President; G. F. Simonis, Secretary-Treasurer; 25 Columbia Heights, Brooklyn, NY 11201-2483, and by Watch Tower Bible and Tract Society of South Africa NPC, 1 Robert Broom Drive East, Rangeview, Krugersdorp, 1739. © 2013 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania. Uburenganzira bwose bwihariwe n'umwanditsi. Printed in South Africa.

Buri nomero isohoka ari amagazeti:
44.978.000 MU NDIMI 207 **1 KAMENA 2013**

INGINGO YO KU GIFUBIKO

Urwikekwe ni ikibazo cyugarije isi yose

IPAJI YA 3

ISI ITARANGWAMO URWIKEKWE IZABAHO RYARI? 5

IBINDI

Egera Imana—Yehova 'ntarobanura ku butoni' 8

Ubutunzi bw'agaciro bwamaze igihe kirekire buhishwe 9

Ese birakwiriye gusenga abatagatifu? 12

Jya wigisha abana bawe
—Ni irihe somo twavana ku mugizi wa nabi? 14

Ibibazo bishingiye kuri Bibiliya 16

JW.ORG™ SOMA IBINDI KURI | www.jw.org/rw



IBIBAZO ABANTU BAKUNZE KWIBAZA KU BAHAMYA BA YEHOVA
—Ese mworohera abantu bo mu yandi madini?

(Kanda ahanditse ngo ABO TURI BO/IBIBAZO ABANTU BAKUNZE KWIBAZA)

VANA KURI INTERINETI AMAFAYILI ATANDUKANYE Y'IYI GAZETI

Urwikekwe

ni ikibazo cyugarije isi yose

UMUNYAMERIKA ukomoka muri Koreya witwa Jonathan yagiriwe urwikekwe kuva akiri umwana. Uko yagendaga akura, ni ko yashakishaga aho yabona abantu badashobora kumugirira urwikekwe bamuziza isura ye n'ubwoko bwe. Yaje kuba umuganga mu mugi wo mu majyaruguru ya Alaska muri Amerika, aho yashoboraga kuvura abarwayi benshi bari bafite isura nk'iye. Yumvaga ko nubwo yari muri ako gace gakonja ko ku mpera y'isi, nibura yari agiye kwikinga urwikekwe rwamuhangayikishaga cyane.

Icyizere cyose yari afite cyayoyotse igihe yavuraga umugore ukiri muto w'imyaka 25 wo muri ako gace. Igihe uwo murwayi yavaga muri koma, yitegereje Jonathan maze ahita amubwira ijambo ribi ryamukomerekeje, rigaragaza urwango rukomeye yangaga Abanyakoreya. Ibyo bintu bibabaje byabaye kuri Jonathan, byamwibukije ko nta ho yahungira urwikekwe nubwo yibwiraga ko yimukiye ahari abantu bafite ibyo bahuriyeho.

Ibyabaye kuri Jonathan bigaragaza ikintu kibabaje ariko gikunze kubaho. Urwikekwe ruri hose. Mbese

ISI YOSE YUGARIJWE N'URWIKEKWE

Kanada: "Nubwo icyo gihugu cyemerera abantu b'amoko yose kukibamo, hakaba harashyizweho amategeko n'ingamba zo kurengera uburenganzira bw'abantu b'amoko yose, ivangura ry'amoko rikomeje kuba ikibazo cy'ingorabahizi cyugarije ikiremwamuntu."—Raporo ya Amnesty International kuri Kanada, 2012.

U Burayi: "[Mirongo ine n'umunani] ku ijana by'Abanyaburayi, bumva ko nta ngamba zigaragara zifatwa ngo ivangura ricike mu bihugu byabo."—*Raporo y'u Burayi ku birebana no kutoroherana, urwikekwe n'ivangura*, 2011.

Afurika: "Mu bihugu byinshi, urugomo n'ivangura bikorerwa abagore birogeye."—*Raporo ya Amnesty International yo mu wa 2012*.

Nepali: "Hari abantu banenwa bahanganye n'ikibazo cy'ivangura cyabaye akarande, bakaba bahezwa mu rwego rw'ubukungu, imibereho n'umuco."—*Raporo ya Human Rights Watch yo mu wa* 2012.

U Burayi bw'Iburasirazuba: "Ubwoko bw'abaturage bw'Abaromu bwo mu Burayi bw'Iburasirazuba, bwahawe akato mu mahanga kandi bugirirwa urwikekwe mu bihugu bukomokamo. Nyamara usanga abanyapolitiki badashaka gukemura icyo kibazo."—*Ikinyamakuru The Economist*, 4 Nzeri 2010.

URWIKEKWE NI IKI?

Abashakashatsi batandukanye bagerageje gusobanura ijambo urwikekwe. Hari abavuga ko ari "imyumvire cyangwa imitekerereze ituma umuntu abonwa nabi bitewe gusa n'itsinda ry'abantu yifatanya na ryo, cyangwa iryo akomokamo." Abandi bavuga ko iyo myumvire iterwa no "kutamenya neza abantu bo mu bwoko runaka," ibyo bigatuma "ubakekera ibibi." Uko byaba bimeze kose, umuntu agirirwa urwikekwe bitewe n'ubwoko, ubunini bwe, igitsina, ururimi, idini cyangwa ibindi abantu babona ko atandukaniyeho na bo.

twavuga ko ahari abantu hatabura urwikekwe.

Icyakora nubwo urwikekwe rwogeye hose, abantu benshi barwamaganira kure. Ariko mu by'ukuri, hari ikintu gisa n'ikitumvikana. None se bishoboka bite ko ikintu nk'icyo abantu banga bene ako kageni, cyakwirakwira bigeze aho? Uko bigaragara, abantu benshi barwanya urwikekwe na bo ubwabo ntibaba bazi ko barufite. Ese nawe ni uko? Icyo kibazo wagisubiza ute?

URWIKEKWE RUTUBAMO

Twaba tubibona cyangwa tutabibona, gutahura ko dufite ikibazo cy'urwikekwe mu mitima yacu ntibyoroshye. Bibiliya itubwira impamvu, igira iti "umutima urusha ibindi byose gushukana" (Yeremiya 17:9). Ku bw'ibyo, dushobora kwishuka twibwira ko tworohera abantu b'ingeri zose, kandi atari ko biri. Nanone dushobora kwibwira ko dufite impamvu zumvikana zo gufata abantu bo mu bwoko runaka uko batari.

Kugira ngo wiyumvishe ukuntu gutahura ko ufitiye abantu runaka urwikekwe bitoroshye, zirikana ibintu bikurikira bishobora kubaho. Reka tuvuge ko urimo utembera mu muhanda nijoro uri wenyine, maze wajya kubona ukabona abasore babiri utigeze ubona baje bagusatira. Ni abasore b'ibigango, kandi umwe muri bo asa n'ufite ikintu mu ntoki.

Ese uhita wumva ko abo basore bari bukugirire nabi? Birashoboka ko ibyo wahuye na byo byakwigishije ko wagombye kugira amakenga. Ariko se ibyo byatuma wemeza ko *abo* basore ari abagizi ba nabi? Hari n'ikindi kibazo wakwibaza. Ese igihe wababonaga, watekereje ko ari abo mu buhe bwoko? Uko wasubiza icyo kibazo bishobora kugaragaza neza ibiri mu mutima wawe. Bishobora kugaragaza ko mu rugero runaka, urwikekwe rwamaze gushinga imizi mu mutima wawe.

Tuvugishije ukuri, twese tugira urwikekwe mu rugero runaka. Bibiliya ubwayo igaragaza ko muri rusange tugira urwikekwe, igira iti "abantu bareba ibigaragarira amaso" (1 Samweli 16:7). None se ko twese twokamwe n'iyo ngeso, kandi akenshi ikaba igira ingaruka zibabaje, twakwizera ko dushobora kuyicikaho burundu? Ese hari igihe isi yose izaba itarangwamo urwikekwe?

Isi itarangwamo urwikekwe izabaho ryari?

KU ITARIKI ya 28 Kanama 1963, ubu hakaba hashize imyaka 50, Martin Luther King Jr. wari ku isonga mu baharanira uburenganzira bw'abaturage muri Amerika, yavuze amagambo azwi cyane muri disikuru yatanze agira ati "mfite icyizere." Yakoresheje ayo magambo akangura ubwenge maze avuga iby'inzozi ze cyangwa icyizere yari afite, cy'uko hari igihe abantu bazabaho batarangwa n'urwikekwe rushingiye ku bwoko. Nubwo ayo magambo yayabwiye abantu bo muri Amerika, igitekerezo cye cyakiriwe neza n'abantu bo mu bihugu byinshi.

© Bob Adelman/Corbis

Martin Luther King, Jr., atanga disikuru ku birebana n'uburenganzira bwa muntu

Ku itariki ya 20 Ugushyingo 1963, ni ukuvuga nyuma y'amezi atatu King atanze iyo disikuru, ibihugu birenga 100 biri mu Muryango w'Abibumbye byemeje ibikubiye mu Itangazo Mpuzamahanga ryo Kuvanaho Ivangura Ryose Rishingiye ku Bwoko. Mu myaka ibarirwa muri za mirongo yakurikiyeho, hari andi masezerano yagiye asinywa. Ese nubwo abantu bakoze ibishoboka byose ngo ivangura ricike, hari icyo baba baragezeho?

Ku itariki ya 21 Werurwe 2012, Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye Ban Ki-moon, yaravuze ati "hasinywe amasezerano menshi, hashyirwaho n'amategeko mpuzamahanga agamije gukumira no kurwanya ivangura ry'amoko, ihohoterwa n'ibindi bikorwa bitarangwa n'ubworoherane. Nyamara abantu babarirwa muri za miriyoni bo hirya no hino ku isi bakomeje kwibasirwa n'ivangura ry'amoko."

Nubwo hari ibihugu byagize icyo bigeraho mu kurwanya urwikekwe rushingiye ku moko n'urushingiye ku bindi bintu, abantu baracyibaza bati "ese koko ibyagezweho byatumye iyo mitekerereze yashinze imizi mu bantu icika, cyangwa ahubwo byatumye abantu baterekana ku mugaragaro ko bafite urwikekwe?" Hari abumva ko ibyagezweho byatumye *ivangura* rikumirwa, ariko ko bidashobora guca *urwikekwe* burundu. Kubera iki? Ni ukubera ko ivangura ari igikorwa kigaragara kandi kigahanwa n'itegeko, naho urwikekwe rukaba rudashobora gucika bitewe n'uko ruba imbere mu mutima w'umuntu no mu bitekerezo bye, ibyo ukaba udashobora kubishyiriraho amategeko abihana.

Ku bw'ibyo, kugira ngo urwikekwe ruranduranwe n'imizi yarwo, ntihagombye gufatwa ingamba zigamije gusa kurwanya ibikorwa by'ivangura, ahubwo hagombye no gufatwa ingamba zigamije gufasha abantu guhindura imitekerereze n'imyumvire ku birebana n'uko babona abandi. Ese ibyo byashoboka? Niba byashoboka se byagerwaho bite? Reka turebe inkuru zimwe na zimwe z'ibyabayeho ziri budufashe kubona ko abantu bashobora guhinduka, n'icyabibafashamo.

BIBILIYA YABAFASHIJE KUREKA URWIKEKWE

Linda: Navukiye muri Afurika y'Epfo. Kubera ko ndi umuzungu, numvaga ko nduta abirabura bose bo muri Afurika y'Epfo, nkumva ko abantu nk'abo ari injiji, ko atari abo kwiringirwa kandi ko bagomba kuba abagaragu b'abazungu. Sinari nzi ko burya mfite urwikekwe. Icyakora ubwo natangiraga kwiga Bibiliya, nahinduye imitekerereze. Namenye ko "Imana itarobanura ku butoni," kandi ko umutima ari wo w'ingenzi kuruta ibara ry'uruhu cyangwa ururimi umuntu avuga (Ibyakozwe 10:34, 35; Imigani 17:3). Umurongo w'Ibyanditswe wo mu Bafilipi 2:3 wamfashije kubona ko ninumva ko umuntu wese anduta, nzashobora kwivanamo urwikekwe. Gukurikiza ayo mahame ya Bibiliya byamfashije kwita ku bandi

“Ubu rwose urwikekwe nahoranye rwarashize.”
—Linda

“Nasobanukiwe uko Imana ibona abantu.”
—Michael

ntitaye ku ibara ry’uruhu. Ubu rwose urwikekwe nahoranye rwarashize.

Michael: Kubera ko narerewe mu karere kari kiganjemo abazungu bo muri Ositaraliya, nagiriraga urwikekwe rukabije abantu bakomoka muri Aziya, cyane cyane Abashinwa. Iyo nabaga ntwaye imodoka nkabona umuntu usa n’Umunyaziya, namanuraga ikirahuri cy’imodoka, nkamukankamira mubwira nti “subira iwanyu wa Munyaziya we!” Nyuma yaho igihe natangiraga kwiga Bibiliya, nasobanukiwe uko Imana ibona abantu, nza kubona ko ibakunda ititaye ku gihugu bakomokamo cyangwa isura yabo. Urwo rukundo rw’Imana rwankoze ku mutima, nitoza gukunda abantu, nikuramo urwango nari mfite. Kuba narahindutse bene ako kageni biratangaje. Ubu nishimira cyane kwifatanya n’abantu bo mu bihugu byose kandi bakuriye mu mimerere itandukanye. Ibyo byatumye ndushaho kwishimira ubuzima kandi bimpesha umunezero mwinshi.

Sandra: Mama yakomokaga mu mugi witwa Umunede wo muri leta ya Delta muri Nijeriya, naho umuryango wa data ugakomoka muri leta ya Edo, aho bavuga ururimi rw’icyesani. Ibyo bintu bari batandukaniyeho byatumye abagize umuryango wa data bagirira mama urwikekwe rukabije kugeza igihe yapfiriye. Nahise ndahira ko nta mishyikirano nzagirana n’umuntu wese uvuga ururimi rw’icyesani, kandi ko ntazigera nshakana n’umuntu ukomoka muri leta ya Edo. Ariko igihe natangiraga kwiga Bibiliya, imyumvire yanjye yatangiye guhinduka. Naribajije nti “none se ko Bibiliya ivuga ko Imana itarobanura ku butoni, kandi ko umuntu wese uyitinya ari we yemera, kuki jye nakwanga abantu mbaziza akarere bakomokamo cyangwa ururimi rwabo?” Naje guhindura imitekerereze, maze niyunga n’abo mu muryango wa data. Gushyira mu bikorwa amahame yo muri Bibiliya byatumye ngira ibyishimo n’amahoro yo mu mutima. Nanone byamfashije kubana neza n’abandi ntitaye ku mimerere bakuriyemo, ubwoko bwabo, ururimi bavuga cyangwa igihugu bakomokamo. Mwaba muzi umugabo nashakanye na we? Akomo-

‘Nahinduye imitekerereze maze turiyunga.’—Sandra

ka muri leta ya Edo kandi avuga ururimi rw’icyesani!

Kuki Bibiliya yashoboye gufasha abo bantu n’abandi benshi kurandura urwango n’urwikekwe byari byarashinze imizi mu mitima yabo? Ni uko Bibiliya ari Ijambo ry’Imana. Ifite ubushobozi bwo guhindura imitekerereze y’umuntu n’uko abona abandi. Bibiliya igaragaza ikintu kizatuma urwikekwe rucika *burundu*.

UBWAMI BW’IMANA BUZAVANAHO URWIKEKWE BURUNDU

Ubumenyi bwo muri Bibiliya bushobora kudufasha kurandura urwikekwe n’urwango byashinze imizi. Ariko hari ibindi bintu bibiri bigomba kuvaho kugira ngo urwikekwe rucike burundu. Icya mbere ni icyaha no kudatungana. Bibiliya igaragaza neza ko “nta muntu udacumura” (1 Abami 8:46). Ku bw’ibyo, imihati twashyiraho yose, turwana intambara nk’iyo intumwa Pawulo yarwanaga, ubwo yandikaga ati “iyo nifuza gukora icyiza, ikibi kiba kiri kumwe nanjye” (Abaroma 7:21). Ubwo rero, hari igihe umutima wacu udatunganye uturukamo “ibitekerezo bibi,” bishobora gutuma tugira urwikekwe.—Mariko 7:21.

Icya kabiri, ni ingaruka Satani Umwanzi atugiraho. Bibiliya ivuga ko Satani ari “umunyabinyoma,” kandi ko ‘ayobya isi yose ituwe’ (Yohana 8:44; Ibyahishuwe 12:9). Ibyo byumvikanisha impamvu urwikekwe rwogeye cyane n’impamvu abantu badashobora kureka burundu urwango, ivangura, jenoside n’urwikekwe rushingiye ku bwoko, ku rwego rw’imibereho no ku idini.

Ku bw’ibyo, kugira ngo urwikekwe rucike burundu, Satani Umwanzi, icyaha no kudatungana bigomba kubanza kuvanwaho. Bibiliya igaragaza ko Ubwami bw’Imana buzabivanaho.

Yesu Kristo yigishije abigishwa be gusenga Imana bagira bati “Ubwami bwawe nibuze. Ibyo ushaka bikorwe mu isi nk’uko bikorwa mu ijuru” (Matayo 6: 10). Ubwami bw’Imana buzavanaho burundu akarengane kose, hakubiyemo urwikekwe n’ibikorwa byose bitarangwamo ubworoherane.

Ubwami bw’Imana nibuza bugatangira gutegeka isi, Satani ‘azabohwa’ yamburwe ubushobozi bwe bwose, kugira ngo ‘atongera kuyobya amahanga’ (Ibyahishuwe 20:2, 3). Icyo gihe ni bwo hazabaho umuryango w’abantu cyangwa “isi nshya,” iyo “gukiranuka kuzabamo.”*—2 Petero 3:13.

Abazaba muri iyo si ikiranuka kandi itarangwamo icyaha, bazagezwa ku butungane, bavanwe mu bubata bw’icyaha (Abaroma 8:21). Abo bayoboke b’Ubwami bw’Imana ‘ntibazangiza kandi ntibazarimbura,’ bitewe n’uko “isi izuzura ubumenyi ku byerekeye Yehova” (Yesaya 11:9). Abantu bose baziga inzira za Yehova Imana kandi bigane imico ye yuje urukundo. Icyo gihe urwikekwe ruzaba rucitse burundu, “kuko Imana itarobanura ku butoni.”—Abaroma 2:11. ■

* Niba wifuza ibindi bisobanuro ku birebana n’Ubwami bw’Imana n’icyo buzakora, reba igice cya 3, 8 n’icya 9 mu gitabo *Ni iki mu by’ukuri Bibiliya yigisha?*, cyanditswe n’Abahamya ba Yehova.

Yehova ‘ntarobanura ku butoni’

Ese waba warigeze kurenganywa uzira uwo uri we? Waba se warasabye ikintu runaka bakakikwima, cyangwa bakanga kugukorera ibyo ufitiye uburenganzira? Waba se warasuzuguwe uzira ibara ry’uruhu rwawe, ubwoko bwawe cyangwa urwego rw’imibereho? Niba byarakubayeho, si wowe wenyine. Ariko humura! Nubwo guteshwa agaciro byogeye ku isi, mu ijuru ntibibayo. Intumwa Petero wari Umukristo, yavuze adashidikanya ko “Imana itarobanura ku butoni.”—**Soma mu Byakozwe 10:34, 35.**

Petero yavuze ayo magambo mu mimerere idasanzwe, igihe yari mu nzu y’Umunyamahanga witwaga Koruneliyo. Petero wari Umuyahudi kavukire, yabayeho igihe Abayahudi babonaga Abanyamahanga nk’abantu banduye, bigatuma banga kugirana na bo imishyikirano iyo ari yo yose. None se kuki Petero yagiye kwa Koruneliyo? Byatewe n’uko Yehova Imana ari we wari wateguye ko babonana. Imana yabonekeye Petero, maze iramubwira iti “ibintu Imana yejeje reka kubyita ibyanduye.” Ntiyari azi ko mbere yaho na Koruneliyo yari yabwiwe n’umumarayika mu iyerekwa ko yagombaga gutumira Petero (Ibyakozwe 10:1-15). Igihe Petero yamenyaga ko Yehova ari we wakoze ibyo byose, kwifata ngo areke kugira icyo avuga byaramunaniye.

Petero yaravuze ati “menye ntashidikanya ko Imana itarobanura ku butoni” (Ibyakozwe 10:34). Ijambo ry’ikigiriki ryahinduwemo ‘kurobanura ku butoni,’ risobanura “kwita ku isura” (*The Kingdom Interlinear Translation of the Greek Scriptures*). Hari intiti yavuze ko iryo jambo “ryerekeza ku mucamanza ureba ku isura y’umuntu, agafata umwanzuro akurikije uko yumva amukunze cyangwa amwanze, aho gukurikiza uko urubanza rwaciwe.” Imana ntitonesha umuntu ngo imurutishe undi bitewe n’ibara ry’uruhu, igihugu, urwego rw’imibereho cyangwa ikindi kintu cyose kigaragara inyuma.

Yehova we areba ibiri mu mitima yacu (1 Samweli 16:7; Imigani 21:2). Petero yakomeje agira ati “muri buri gihugu umuntu uyitinya kandi agakora ibyo gukiranuka ni we yemera” (Ibyakozwe 10:35). Gutinya Imana bisobanura kuyubaha, kuyihesha ikuzo no kuyiringira, tukirinda gukora ibiyibabaza. Gukora ibyo gukiranuka bikubiyemo gukora ibikwiriye mu maso y’Imana tubikunze. Yehova yishimira umuntu ukora ibikwiriye bitewe n’uko amutinya mu buryo burangwa no kumwubaha.—Gutegeka kwa Kabiri 10: 12, 13.

Iyo Yehova areba ku isi ari mu ijuru, abona ubwoko bumwe; abona *abantu*

Niba warigeze kugirirwa urwikekwe cyangwa kurenganywa uzira uwo uri we, ni iby’ingenzi ko uzirikana amagambo Petero yavuze ku birebana n’Imana. Yehova arimo arakoranyiriza hamwe abantu bo mu mahanga yose kugira ngo bajye bamusenga by’ukuri (Yohana 6:44; Ibyakozwe 17:26, 27). Yumva amasengesho y’abagaragu be kandi akayasubiza atitaye ku ibara ry’uruhu, igihugu cyangwa urwego rw’imibereho (1 Abami 8:41-43). Dushobora kwiringira ko iyo Yehova areba ku isi ari mu ijuru, abona ubwoko bumwe; abona *abantu.* Ibyo byagombye kugushishikariza kumenya byinshi kurushaho ku birebana n’iyo Mana itarobanura ku butoni. ■

IMIRONGO YO MURI BIBILIYA WASOMA MURI KAMENA: Yohana 17 – Ibyakozwe 10

Ubutunzi bw'agaciro bwamaze igihe kirekire buhishwe

Iyo ntiti ikibona uwo mwandiko wa kera yagize ngo irarota. Nyuma yo kuwusuzumana ubwitonzi incuro nyinshi, isuzuma imyandikire yawo n'imiterere y'ikibonezamvugo, yaje gutahura ko ari ibice bya Bibiliya y'ikinyajeworujiya ya kera kurusha izindi.

UBWO butunzi bw'agaciro bwavumbuwe ahagana mu mpera z'Ukuboza 1922, igihe umuhanga w'Umunyajeworujiya witwa Ivané Javakhishvili yakoraga ubushakashatsi ku birebana n'amateka y'inyuguti z'ikinyajeworujiya. Muri ubwo bushakashatsi yaje kubona kopi ya Talmud y'i Yerusalemu yanditswe mu giheburayo. Ubwo yayisuzumaga, yabonye undi mwandiko wanditswe mu kinyajeworujiya usa n'uwasibamye munsi y'uwo mwandiko w'igiheburayo.*

Uwo mwandiko "uhishwe" wari wanditswe munsi y'uwa Talmud, wari agace ko muri Bibiliya k'igitabo cya Yeremiya ko mu kinyejana cya gatanu. Mbere y'uko uwo mwandiko uvumburwa, umwandiko wa Bibiliya mu rurimi rw'ikinyajeworujiya wa kera kurusha indi wari uwo mu kinyejana cya cyenda. Nyuma yaho gato, haje kuvumburwa ibindi bice by'ibitabo byo muri Bibiliya byo mu kinyejana cya gatanu cyangwa mbere yaho. Tekereza ukuntu byari bishishikaje kuvumbura umwandiko wo muri Bibiliya wabayeho nyuma y'ibinyejana bike gusa Yesu n'intumwa ze babaye ku isi!

Ni nde wari warahinduye uwo mwandiko? Ese ni umuntu umwe cyangwa ni itsinda ry'abantu? Kugeza ubu, nta nyandiko yo mu rwego rw'amateka yaba yaravumbuwe ku buryo yatanga igisubizo cy'icyo kibazo. Uwaba yarayihinduye wese, ikigaragara ni uko iyo Bibiliya cyangwa bimwe mu bice byayo byahinduwe mu kinyajeworujiya mu kinyejana cya kane, kandi ko kuva icyo gihe Abanyajeworujiya bashoboraga kubona Ijambo ry'Imana cyangwa kuryigishwa mu rurimi rwabo kavukire.

Inkuru igaragaza ukuntu Abanyajeworujiya bari bazi Ibyanditswe, iboneka mu gitabo gishobora kuba cyaranditswe mu mpera z'ikinyejana cya gatanu (*The Martyrdom of St. Shushanik the Queen*). Igihe umwanditsi w'icyo gitabo yabaraga inkuru ibabaje y'umwamikazi, yashyiragamo imirongo ya Bibiliya yo muri Zaburi, mu Mavanjiri no mu bindi bitabo byo muri Bibiliya, cyangwa akayerekezaho. Uwo mwanditsi yanavuze ko umugabo wa Shushanik witwa Varsken wari guverineri w'intara ya Kartli yo mu bwami bwa Jeworujiya, yaretse "Ubukristo" akajya mu idini ry'Abaperesi rya Zoroastre, kugira ngo acururutse abatware bakomeye bo mu Buperesi. Yanasabye umugore we kureka kuba Umukristo, ariko arabyanga. Uwo mugore yaje guhumurizwa n'Ibyanditswe, mu minsi ya nyuma y'ubuzima bwe.

* Mu bihe bya kera, ibikoresho byo kwandikaho byari bike cyane kandi byarahendaga cyane. Ni yo mpamvu byari bimenyerewe ko abantu basiba umwandiko w'umwimerere, aho wari uri bakazongera kuhandika undi mwandiko. Ijambo ry'ikigiriki ryakoreshejwe basobanura uko byakorwaga, ryumvikanisha igitekerezo cyo "kongera guhanagura."

© The Bodleian Libraries, University of Oxford [Ms.Georg.c.1(P) Verso]; inset: National Archives of Georgia



National Center of Manuscripts

IZINA RY'IMANA MURI BIBILIYA Y'IKINYAJEWORUJIYA

Izina bwite ry'Imana ari ryo Yehova (יהוה mu giheburayo), riboneka muri Bibiliya incuro zigera ku 7.000 mu nyandiko zo mu rurimi rw'umwimerere. Inyinshi muri Bibiliya z'ikinyajeworujiya zarisimbuje "Umwami." Icyakora, mu mugereka wa Bibiliya yitwa *Saba*, Sulkhan-Saba Orbeliani atanga ibisobanuro by'izina rya Yesu agira ati "Ieses, mu giheburayo bikaba bisobanurwa ngo 'Ieova, Umwami n'umukiza.' " Igishimishije, ni uko izina ry'Imana ari ryo Yehova, riboneka aho ryagombye kuba riri hose muri Bibiliya y'*Ubuhinduzi bw'Isi Nshya* y'ikinyajeworujiya yahinduwe n'Abahamya ba Yehova, igasohoka mu mwaka wa 2006.

Kuva mu kinyejana cya gatanu, guhindura Bibiliya y'ikinyajeworujiya no kuyandukura ntibyigeze bihagarara. Bibiliya nyinshi zo mu kinyajeworujiya zandikishije intoki, zigaragaza ko abandukuzi n'abahinduzi bazo bakoze akazi katoroshye. Reka turebe ibintu bibiri biranga iyo nkuru ishishikaje, ni ukuvuga imirimo yo guhindura Bibiliya no kuzicapa.

BIBILIYA ZITANGIRA GUHINDURWA ARI NYINSHI

Giorgi Mtatsmindeli wo muri Jeworujiya wabayeho mu kinyejana cya 11 yaravuze ati "jyewe Giorgi, umuntu woroheje wihaye Imana, nahinduye iki gitabo cya Zaburi, ngihindura mu kinyajeworujiya nkivanye mu Kigiriki, mbikora mbyitondeye kandi niyushye akuya." Kuki byari ngombwa ko hahindurwa Bibiliya mu kinyajeworujiya, kandi hari hashize ibinyejana byinshi hari iyahinduwe muri urwo rurimi?

Mu kinyejana cya 11, Bibiliya z'ikinyajeworujiya zandikishijwe intoki zakwirakwizwaga zari nke cyane. Hari ibitabo bimwe na bimwe byari byarazimiye burundu. Nanone, ururimi rwari rwarahindutse ku buryo bitari byoroshye gusobanukirwa Bibiliya za kera. Nubwo hari abahinduzi batari bake bihatiye gusubiza Bibiliya y'ikinyajeworujiya uko yari imeze, Giorgi ni we wabigizemo uruhare rukomeye. Yafataga Bibiliya z'ikinyajeworujiya zariho icyo gihe akazigereranya n'iy'ikigiriki, hanyuma ibice biburamo akabihindura. Hari n'igihe yahinduraga igitabo cyose. Kubera ko yari umuyobozi w'ikigo cy'abihaye Imana, ku manywa yakoraga imirimo irebana n'ako kazi, nijoro agahindura Bibiliya.

Undi muntu wabayeho mu gihe kimwe na Giorgi witwa Ephrem Mtsire yakomereje aho yari ageze. Yanditse agatabo karimo amabwiriza agenewe abahinduzi. Ako gatabo karimo amahame y'ingenzi y'ubuhinduzi, urugero nko guhindura uhereye ku rurimi rw'umwimerere mu gihe bishoboka, gukurikiza umwandiko w'umwimerere uko ushoboye kose, ariko nanone umwandiko umaze guhindura ukagumana umwimerere wawo. Nanone yatangije uburyo bwo kwandika ibisobanuro ahagana hasi ku ipaji no gushyira impuzamirongo hagati y'inkingi, muri Bibiliya z'ikinyajeworujiya. Uretse ibyo, Ephrem yanahinduye bundi bushya ibitabo byinshi byo muri Bibiliya. Ibyo Giorgi na Ephrem bakoze, byifashishijwe cyane n'abandi bahinduzi ba nyuma yaho.

Mu kinyejana cyakurikiyeho, muri Jeworujiya handitswe ibitabo byinshi. Mu migi ya Gelati na Ikalto hashinzwe ibigo byinshi by'ubushakashatsi. Intiti nyinshi zitekereza ko Bibiliya ya *Gelati*, muri iki gihe ikaba ibitswe mu kigo cya Jeworujiya gishinzwe gushyingura inyandiko zandikishijwe intoki, yahinduwe n'umwe mu ntiti z'i Gelati cyangwa zo mu mugi wa Ikalto.

None se guhindura Bibiliya byamariye iki abaturage bo muri Jeworujiya? Mu kinyejana cya 12, umusizi wo muri icyo gihugu witwa Shota Rustaveli yanditse igisigo cyitwa *Vepkhis-tqaosani* (Umurwanyi wambaye uruhu rw'urusamagwe). Icyo gisigo cyagize uruhare rukomeye mu guhindura imitekerereze y'abantu mu gihe cy'ibinyejana byinshi, ku buryo abaturage bacyise Bibiliya ya kabiri yo mu kinyajeworujiya. Indi ntiti yo muri Jeworujiya yitwa K. Kekelidze yavuze ko nu-

bwo nta wakwemeza ko ibyo uwo musizi yanditse yabivanye muri Bibiliya, "bimwe mu byo yavuze bifitanye isano n'imirongo itandukanye yo muri Bibiliya." Icyakora nubwo ibyavuzwe muri icyo gisigo byari amakabyankuru, akenshi cyibanda ku mico myiza, urugero nk'ubucuti nyakuri, kugira ubuntu, kubaha abagore no gukunda abo tutazi urukundo ruzira ubwikunde. Iyo mico hamwe n'indi ivugwa muri Bibiliya yagize uruhare ku mitekerereze y'abaturage bo muri Jeworujiya mu gihe cy'ibinyejana byinshi, kandi na n'ubu ni yo ikibaranga.

UKO UBUKRISTO BWAGEZE MURI JEWORUJIYA

Ubukristo bwageze muri Jeworujiya ryari? Kugeza ubu nta gitabo cyizewe kitari icy'idini kigira icyo kibivugaho. Icyakora igitabo cy'Ibyakozwe kivuga ko bamwe mu Bayahudi cyangwa abahindukiriye idini rya kiyahudi b'i Ponto, bari mu bantu bari i Yerusalemu bumvise ubutumwa bwiza kuri Pentekote yo mu mwaka wa 33. Abo bantu bashobora kuba ari bo basubiye iwabo bakahakwirakwiza ubutumwa bwa gikristo. Ahagana mu mwaka wa 62, mu mugi wa Ponto hari amatorero ya gikristo menshi. Umugi wa Ponto wo mu kinyejana cya mbere, werekeza ku karere kari mu ihembe ry'amajyaruguru y'uburasirazuba bwa Turukiya yo muri iki gihe, gahana urubibi na Jeworujiya.—Ibyakozwe 2:9; 1 Petero 1:1.

UMURYANGO WA CYAMI WIYEMEZA GUCAPA BIBILIYA

Mu mpera z'ikinyejana cya 17, abari bagize umuryango wa cyami wo muri Jeworujiya bifuzaga cyane kubona Bibiliya icapye. Kugira ngo babigereho, Umwami Vakhtang VI yubatse icapiro mu murwa mukuru ari wo Tbilisi. Icyakora, umwandiko wa Bibiliya wagombaga gucapwa ntiwari wakabonetse. Twavuga ko Bibiliya y'ikinyajeworujiya yari yongeye guhishwa. Icyo gihe habonekaga inyandiko zandikishijwe intoki z'ibitabo bimwe na bimwe, kandi na zo ntizari zuzuye. Uretse n'ibyo, zari zanditswe mu rurimi rudahuje n'igihe. Impuguke mu by'iyigandimi yitwa Sulkhan-Saba Orbeliani, ni we wahawe inshingano yo gusubiramo izo nyandiko no kongera kuzandukura.

Orbeliani yahise atangira uwo murimo kandi yawukoranye umwete. Kubera ko yari azi indimi nyinshi hakubiyemo ikigiriki n'ikilatini, yashoboraga kwifashisha ibindi bitabo, aho kwifashisha gusa inyandiko z'ikinyajeworujiya zari zihari. Ariko kandi, abayobozi b'idini ry'Aborutodogisi bo muri Jeworujiya ntibamwishimiye, kuko yari wa muntu uhora yiteguye kwakira ibitekerezo by'abandi. Bamushinje kugambanira idini kandi bemeza umwami ko agomba kumubuza guhindura Bibiliya. Hari ibitabo byo mu kinyajeworujiya byavuze ko abayobozi b'iryo dini bakoze inama, maze bagahatira Orbeliani gutwika Bibiliya yari amaze imyaka anonosora.

Birashishikaje kuba muri iki gihe hakiriho kopi ya Bibiliya ya Mtskheta, nanone izwi ku izina rya *Bibiliya ya Saba.* Iyo Bibiliya ibonekamo amagambo Orbeliani yandikishije ikaramu. Icyakora hari abashidikanya ko iyo Bibiliya ari yo abayobozi barwanyaga, kuko umugereka wayo ari wo wonyine abantu bemeza ko wanditswe na Orbeliani.

Nubwo havutse ibyo bibazo byose, bamwe mu bagize umuryango wa cyami bari bakibona ko imirimo yo gucapa Bibiliya ari ingenzi. Hagati y'umwaka wa 1705 n'uwa 1711, hacapwe ibice bimwe na bimwe bya Bibiliya. Amaherezo mu mwaka wa 1743, haje gusohoka Bibiliya yuzuye biturutse ku nkunga ya Bakari na Vakhushti bari ibikomangoma muri Jeworujiya. Icyo gihe noneho nta washoboraga kuyihisha. ■

Ese birakwiriye gusenga abatagatifu?

NI NDE utarigeze kugira agahinda agakenera umuhumuriza? Bitewe n'icyaduteye agahinda, dushakisha umuntu wishyira mu mwanya wacu, kandi wahuye n'ikibazo nk'icyacu. Umuntu ushobora kwishyira mu mwanya wacu kandi wahuye n'ibibazo nk'ibyo twahuye na byo, ni we ncuti tuba dukeneye icyo gihe.

Hari abantu bashobora kumva ko ari na ko bimeze ku birebana n'isengesho. Aho kwegera Imana, isa n'aho iri hejuru cyane kandi ikomeye cyane, bumva bisanzuye iyo bavuganye n'umwe mu batagatifu. Batekereza ko abatagatifu ari bo babumva kuruta uko Imana yabumva, kuko baba barahuye n'imibabaro n'ingorane abantu bahuye na zo. Urugero, abantu batakaje ikintu cy'agaciro baba bumva bakwiyambaza "Mutagatifu" Antoine de Padoue, uwo akaba ari we usabira abantu batakaje ibyabo cyangwa bikaba byaribwe. Mu gihe umuntu yifuza gusengera itungo rye rirwaye, aba yumva yakwiyambaza "Mutagatifu" François d'Assise, cyangwa mu gihe yihebye, akiyambaza "Mutagatifu" Jude Thaddée.

Ariko se dukurikije Ibyanditswe, gusenga abatagatifu birakwiriye cyangwa ntibikwiriye? Kubera ko amasengesho yacu tuyatura Imana, nta gushidikanya ko twifuza kumenya niba iyumva. Nanone twagombye kwibaza tuti "gusenga abatagatifu Imana ibibona ite?"

ICYO BIBILIYA IVUGA KU BIREBANA NO GUSENGA ABATAGATIFU

Umugenzo wo gusenga abatagatifu ushingiye ku nyigisho yo muri Kiliziya Gatolika ivuga ko bashobora kudusabira. Hari igitabo cyavuze ko ibyo byumvikanisha mu buryo bw'ibanze ko "umuntu ukeneye kugirirwa imbabazi, asabirwa n'undi Imana ibona ko abifitiye uburenganzira" (*New Catholic Encyclopedia*). Ku bw'ibyo, umuntu usenga abatagatifu aba yiringiye ko isengesho rye rishobora kumvwa bitewe n'uko bo bigerera ku Mana.

Ese iyo nyigisho ishingiye kuri Bibiliya? Hari abavuga ko intumwa Pawulo ari we watangije umugenzo wo gusenga abatagatifu mu nyandiko ze. Urugero, yandikiye Abakristo b'i Roma ati "none rero bavandimwe, ndabinginga binyuze ku Mwami wacu Yesu Kristo no ku rukundo ruturuka ku mwuka, ngo mufatanye nanjye gusenga mushyizeho umwete munsabira ku Mana" (Abaroma 15:30). Ese Pawulo yaba yararetse gusenga Imana, ahubwo agasaba Abakristo bagenzi be ngo abe ari bo bamuvuganira ku Mana? Oya rwose. N'iyo biza kubaho, ni bo bari gusaba Pawulo wari intumwa ya Kristo gusenga abasabira. Muri uwo murongo, Pawulo yashakaga kuvuga ko dushobora *gusaba* Abakristo bagenzi bacu, bakadusabira ku Mana. Ariko kandi, ibyo bitandukanye

cyane no *gusenga* umuntu dutekereza ko ari mu ijuru, kugira ngo ageze ibyifuzo byacu ku Mana. Bitandukaniye he?

Mu Ivanjiri intumwa Yohana yanditse, Yesu yaravuze ati "ni jye nzira n'ukuri n'ubuzima. Nta muntu ujya kwa Data atanyuzeho" (Yohana 14:6). Nanone yaravuze ati 'icyo muzajya musaba Data cyose mu izina ryanjye azajya akibaha' (Yohana 15:16). Yesu ntiyigeze avuga ko twagombye kumutura amasengesho yacu, hanyuma ngo ayatujyanire ku Mana. Ahubwo kugira ngo amasengesho yacu yumvwe, tugomba gusenga Imana tubinyujije kuri Yesu. Nta wundi muntu tugomba kuyanyuzaho.

Igihe abigishwa ba Yesu bamusabaga kubigisha gusenga, yarabashubije ati "nimusenga, mujye muvuga muti 'Data, izina ryawe niryezwe' " (Luka 11:2). Koko rero, igihe cyose dusenga tugomba gusenga Imana; nta wundi tugomba gusenga, naho yaba Yesu. Dukurikije izo nyigisho za Yesu zumvikana neza, twafata umwanzuro w'uko twagombye gusenga Imana tubinyujije kuri Yesu Kristo, aho kubinyuza ku wundi muntu uwo ari we wese cyangwa "abatagatifu."

Isengesho ni ikintu cy'ingenzi cyane mu birebana no gukorera Imana, kandi gusenga undi muntu utari Imana ntibihuje rwose n'ibyo Bibiliya yigisha (Yohana 4:23, 24; Ibyahishuwe 19:9, 10). Ni yo mpamvu twagombye gusenga Imana yonyine.

ESE TWAGOMBYE GUTINYA KWEGERA IMANA?

Mu Kibwiriza cya Yesu cyo ku Musozi, Yesu yatanze urugero rw'umwana usaba se ibyokurya. Ese uwo mubyeyi yaha umwana ibuye aho kumuha umugati? Cyangwa yamusaba ifi akamuha inzoka (Matayo 7:9, 10)? Umubyeyi ukunda abana be ntiyabitinyuka.

Reka noneho dufate urundi rugero rumeze nk'urwo rw'umubyeyi. Tuvuge ko umwana wawe afite ikintu yifuza cyane ashaka kugusaba. Wakoze uko ushoboye kugira ngo mugirane ubucuti, kandi buri gihe wabaga witeguye kumva ibyo akubwira. Ariko kubera impungenge zidafite ishingiro zo gutinya uko wabyakira, aciye ku wundi muntu ngo aze abikubwire. Ubwo se wakumva umeze ute? Bite se mu gihe akomeje kujya akuvugisha anyuze kuri uwo muntu, kandi bikagaragara ko ari uko azakomeza? Ese ibyo byagushimisha? Birumvikana ko utabyishimira. Umubyeyi ukunda abana be yishimira ko bamuvugisha nta wundi banyuzeho, kandi bakumva bisanzuye mu gihe bamusaba ibyo bifuza.

Imana yifuza ko tuvugana na yo, kimwe n'uko umubyeyi avugana n'umwana we

Yesu yahereye kuri urwo rugero rw'umwana usaba ibyokurya, maze aravuga ati "none se niba muzi guha abana banyu impano nziza kandi muri babi, So wo mu ijuru we ntazarushaho guha ibintu byiza ababimusaba" (Matayo 7:11)? Nta gushidikanya, umubyeyi aba yifuza cyane guha umwana we ikintu cyiza. Data wo mu ijuru we afite icyifuzo gikomeye kurushaho cyo kumva amasengesho yacu no kuyasubiza.

Imana yifuza ko twayisenga nta wundi tunyuzeho, ndetse no mu gihe turemerewe n'amakosa twakoze. Ntiyifuza ko hari undi twatura amasengesho yacu. Bibiliya igira iti "ikoreze Yehova umutwaro wawe, na we azagushyigikira" (Zaburi 55:22). Aho kugira ngo tunyure ku batagatifu cyangwa abandi bantu, byaba byiza twitoje kwegera Imana dufite icyizere.

Data wo mu ijuru yita kuri buri wese muri twe. Yifuza kudufasha gukemura ibibazo byacu, kandi adusaba kumwegera (Yakobo 4:8). Birashimishije kuba dufite umugisha wo kwegera Data, we Mana 'yumva amasengesho.'—Zaburi 65:2. ■

Ni irihe somo twavana ku mugizi wa nabi?

Umugizi wa nabi dushaka kuvanaho isomo ni uwo Yesu arimo avugisha kuri iyi shusho. Uwo mugizi wa nabi yari ababajwe n'ibyaha bye. Yabwiye Yesu ati "uzanyibuke nugera mu bwami bwawe." Nk'uko ubibona kuri iyi shusho, Yesu arimo aravugana na we. ***Ese uzi icyo arimo amubwira?***—* Yesu arimo aramubwira ati "ndakubwiza ukuri: uzaba uri kumwe nanjye muri Paradizo."

Utekereza ko iyo paradizo izaba imeze ite?— Kugira ngo tumenye igisubizo cy'ukuri, reka tugire icyo tuvuga kuri paradizo Imana yahaye umugabo n'umugore ba mbere, ari bo Adamu na Eva. Iyo paradizo yari he? ***Ese yari mu ijuru cyangwa yari ku isi?***—

Niba ushubije ko yari ku isi, ibyo uvuze ni ukuri. Ku bw'ibyo, niba tuvuze ko umugizi wa nabi azaba muri "paradizo," dushobora kuvuga ko azaba kuri iyi isi izahinduka paradizo. *Iyo* ***paradizo izaba imeze ite?*** — Reka tubisuzume.

Bibiliya ivuga ko Yehova amaze kurema abantu ba mbere ari bo Adamu na Eva, yabashyize muri paradizo hano ku isi. Iyo paradizo yitwaga "ubusitani bwa Edeni." ***Ese uriyumvisha ukuntu "ubusitani bwa Edeni" bwari bwiza?***— Koko rero ubwo busitani bwari bwiza cyane kuruta ubundi bwose abantu babonye.

Ubitekerezaho iki? ***Ese Yesu azaza ku isi kubana n'uwo mugizi wa nabi wari ubabajwe n'ibyaha bye?***— Oya, Yesu azaba ari mu ijuru ari umwami w'ubwami buzategeka isi izaba yahindutse paradizo. Ku bw'ibyo, Yesu azaba ari kumwe n'umugizi wa nabi, mu buryo bw'uko azamuzura maze akitabwaho ari muri paradizo. ***None se kuki Yesu azemera ko umuntu wahoze ari umugizi wa nabi aba muri paradizo?*** — Reka na byo tubisuzume.

---

* Niba urimo usomera umwana, ako kanyerezo karakwibutsa ko ugomba gutuza, ugashishikariza umwana kugira icyo avuga.

Ni byo koko uwo mugizi wa nabi yakoze ibibi byinshi. Ariko n'abandi bantu benshi babarirwa muri za miriyari babaye hano ku isi, bagiye bakora ibyaha. Icyakora abenshi muri bo babitewe n'uko batigeze bigishwa ibyerekeye Yehova n'ibyo adusaba.

Ni yo mpamvu abantu benshi, hakubiyemo n'uwo mugizi wa nabi Yesu yavuganye na we ari ku giti cy'umubabaro, bazazukira kuba muri paradizo ku isi. Bazigishwa bamenye ibyo Imana ishaka. Icyo gihe ni bwo bazagaragaza niba bakunda Yehova by'ukuri koko.

None se bazagaragaza bate ko bakunda Yehova?— *Bazabyerekana bakora ibyo Imana ishaka.* Koko rero, kuba muri paradizo, uhorana n'abantu bakunda Yehova kandi na bo bakundana, bizaba bishimishije cyane. ■

SOMA IYI MIRONGO MURI BIBILIYA YAWE

Luka 23:32-43
Intangiriro 2:7-9
Ibyahishuwe 21:3-5

Kuki abantu badashobora kuzana amahoro ku isi?

Bibiliya igaragaza impamvu ebyiri z'ingenzi. Iya mbere ni uko abantu bataremewe kwiyobora, nubwo bageze ku bintu byinshi bitangaje. Iya kabiri ni uko imigambi y'abantu nta cyo yagezeho, bitewe n'uko "isi yose iri mu maboko y'umubi," ari we Satani Umwanzi. Ibyo ni byo byatumye abantu bananirwa kuzana amahoro ku isi nubwo nta ko batagira.—**Soma muri Yeremiya 10:23; 1 Yohana 5:19.**

Ubwikunde n'inyota y'ubutegetsi na byo byatumye isi itagira amahoro. Ubutegetsi bwakwigisha abantu gukunda ibyiza no kwitanaho, ni bwo bwonyine bwazana amahoro ku isi.—**Soma muri Yesaya 32:17; 48:18, 22.**

Ni nde uzazana amahoro ku isi?

Imana Ishoborabyose yasezeranyije ko izashyiraho ubutegetsi bumwe rukumbi buzategeka abantu bose. Ubwo butegetsi buzasimbura ubutegetsi bw'abantu bwose (Daniyeli 2:44). Umwana w'Imana ari we Yesu ni we uzaba ategeka, ari Umwami w'Amahoro. Azavanaho ibibi byose kandi yigishe abantu inzira y'amahoro.—**Soma muri Yesaya 9:6, 7; 11:4, 9.**

Abantu babarirwa muri za miriyoni hirya no hino ku isi, barimo barigisha bagenzi babo kubana amahoro bifashishije Ijambo ry'Imana, ari ryo Bibiliya. Vuba aha, isi yose izagira amahoro.—**Soma muri Yesaya 2:3, 4; 54:13.**

Fatmir Boshnjaku

Ubutegetsi bushobora guhindura imitima y'abantu, ni bwo bwonyine buzana amahoro ku isi



Niba wifuza ibindi bisobanuro, reba igice cya 3 muri iki gitabo, cyanditswe n'Abahamya ba Yehova

IBINDI BISUBIZO BY'IBIBAZO BISHINGIYE KURI BIBILIYA WABISANGA KURI INTERINETI

JW.ORG™

Vana iyi gazeti kuri interineti ku buntu, uvaneho n'andi yasohotse mu gihe cyashize

Ubu Bibiliya iboneka ku rubuga rwacu mu ndimi zigera kuri 50

Tunga kamera ya telefoni yawe kuri iyi kode cyangwa ujye kuri **www.jw.org/rw**

wp13 06/01-YW